

0134.-

K0141225

1

IDENTIFICATION : C.32/K95 - 0154 DU 15/01/94  
DUREE : 60 MIN.  
QUALITE : BONNE  
TRANSMISSION : R.T.L.M  
DATE DE TRANSCRIPTION : 25/06/1999  
NOM DU TRANSCRIPTEUR : ICYITEGETSE Drocella  
NOM DU FICHIER : 0154.wpd  
DICTAPHONE : OMEGA 8003, MARQUE SLIMLINE - BO-760/9

**FACE A**

- Journaliste Noël HITIMANA :

...banyu? Iwanyu Nyacyonga, barimo baravuga bati “n’imfashanyo itangiye kuba nke, ahubwo itangiye kuba yarabuze, hum”? Wambwiye uti “nibiba ngombwa muzemera mwongere muhi...muzinge uturago, musubire iwanyu”. icyo wasaba leta ni iki ? Nta politike turimo cyane ariko wasaba iki cya vubavuba?

- Orateur non identifié (réfugié de Nyacyonga) :

Twagira ngo muri ayo mezi gari imbere, bakabidufashamo tugataha. Ni icyo nsaba nnyewe.

- Journaliste Noël HITIMANA :

Mugataha. Nta kindi usaba.

Nshuti mwumva radiyo yanyu, radiyo RTLM... hi! Avugiye mu mwanya wa bariya bose bavuye mu

Cassette C.32/K95 N° 0154 transcrite par I.D.

byabo. Ntabwo avuze menshi. icyo avuze ni kimwe kandi kirakomeye, icyo asaba ni ukugira ngo batahe. Ati “icyo dushaka ni ukugira ngo du, dutahe”. Ni ugutaha. Nta kindi, nta n’icyo nongeraho nanje, nta kindi nabasabira uretse gutaha.

...hano i Kigali ati “Mana we, hein “! Ati “Mana we, ati bimbarize”. None se ubu ngubu tubajije ikibazo tuti “abana bigaga ku Gikongoro muri école secondaire, muri Institut Marie Merci, tuti “abo bana bo barazira iki”? Barazira iki ? Ko ejo Premier Ministre Agatha UWIRINGIYIMANA hein... afatanyije na Ministre we nyine w’Amashuri Abanza n’Ayisumbuye MBONIMPA, bohereje abasirikare bageze kuri magana arindwi, hi! Urumva ni batayo nzima, ngo bagende birukane abo bana mu kigo. Hum! Baragiye nyine barabirukana, na bya grenade n’ibiki byose, baratera ibyuka bihumya mu maso, baratera kandi abo bana bavuga bati “twebwe twatashye twumvikanye ko nitugaruka tuzakora indi examen. Indi examen yo kugira ngo murebe niba turi ku murongo hum... w’ubwenge bugomba kuba bugeze mu gihembwe cya mbere koko twiga”. Examen yindi babahaye, abana baravuze bati “iyi ngiyi ntabwo ariyo examen twagomba..., ntabwo ari bwo bwenge twize”. Hum! Niba barize buke se, bakabaha examen ihambaye kandi bo bababwira bati mwatwigishije buke, ye? Abana ni bo bavuga bati “twebwe ibyo ntabwo tubizi”. Niba batabizi rero, Diregisiyo n’abaproseseri ni bo bamwara. Kubera ko (arasetse) wabona umuntu ugi..., aho utateye amasaka se wajya gusarurayo amasaka hehe? Hi? Wasarura aho utahinze? Niba batarahinze rero, bakabwira abanyeshuri ngo nibasarure ibyo batabahaye, ntibishoboka. Hi? Bati rero bati “twebweeee abanyeshuri twebwe turabona bidashoboka”, bati “ibi bintu muri kutubwira nta n’ubwo twigeze tubyumva hano muri iri shuri”! Niba batabyumvise se, bigende bite? Bigende bite? Ni ko byagenze, ni ko byagenze ejo. Ikibabaje ababyeyi bamaze kuntelefona, ikibabaje ababyeyi ni kimwe ni uko abana babo baburije bisi eshatu, ejo ku bw’impaaauuu nyine ku rw’agahato n’ibyo byuka byose n’inkoni n’iki, babinjizamo, abana baraye i Butare. Baraye i Butare muri gare. Baraye batya nyine, nta karingiti, nta biryo, nta ki, baraye aho ngaho rwose. Baraye muri gare. Niba hari umwana wo mu Ruhengeri, uw’i Kibungo hi! Umwana wa hehe, no muri za Butare hirya, hi! Cyangwa i Gikongoro cyangwa i Cyangugu, ko babapakiyemo babazana i Butare n’uw’i Cyangugu babajanye i Butare. Murumva? Abo babyeyi rwose bamenye ko abana babo, niba bigaga aho ngaho muriiii, ku

Gikongoro, muri Marie Merci, uretse ngo abiga mu wa gatandatu; abagiye kurangiza nyine uyu mwaka n'abari barwaye bari mu bitaro nibo basigayeyo bonyine. Abandi, ababyeyi mushakishe mumenye aho abana banyu bari, baraye i Butare. Iyi Leta rero niba itita no ku kiremwamuntu, ya miryango ngo irenganura ikiremwamuntu, yarenganuye abo banyeshuri se! Iyo miryango nitabare. Nitabare ni ko mbabwiye.

Nari nagiye i Bujumbura. Nari naragiye i Bujumbura kandi mvuye i Bujumbura, eee ni mu mayeri nyine. I Bujumbura, i Bujumbura rero aho ngaho mu gisagara cya Bujumbura, hose mu muji ubu nta kigenda. Ibintu byahagaze, insoresore zongeye gusubira mu mihanda, zongeye gusubira mu mu mi mu mihanda, ubu zafunze imihanda. Kuri Ambasade yacu i Bujumbura ubu ngubu maze kumenya neza ko ubu hari abajandarume barinze Ambasade, bayirinze iki se? Ni imirangara nyine, barinze ya mirangara kubera ko bahashenye. Hari abajandarume batatu, mu kanya hari batatu. Kuri Ambasade ya Zaire hari abajandarume babiri gusa. Kuri Ambasade y'Ubufansa hari abajandarume babiri gusa, hum! Ati "izo nsoresore zirashaka iki"? Noneho nta bwo ziri kurwanya FRODEBU, ntabwo bari kurwanya abahutu ahubwo byahindutse ibindi. Barimo bararwanya UPRONA (araseka). Bararwanya UPRONA ngo yemeye gutora uriya muprezida (araseka). (Araseka). Nyine ngo babashyize mu mutego none umutego UPRONA iwugwamo yemere...iremera iratora itora uriya muprezida. (Araseka). Uretse ko muri UPRONA na bo ari abanyabwenge baravuga ngo "ni uwabo, ngo na..., ngo cyange ngo ni uwabo burya, ngo ni uwabo nyine". Hein? Bafite ukuntu barimo babyifatamo ariko abasore babyanze. Babyanze.

Ndabajije nti "ese ku isoko bimeze bite"? Kuko umuntu apimira ku isoko no ku mashuri no ku bitaro, ukabaza niba abantu bakijya ku isoko cyangwa baja kwa muganga cyangwa nyineee cyangwa bagiye kwiga. Ashwi da! Uyu muni i Bujumbura, isoko ukuntu umuntu abimbwiye mu gifaransa ati "c'est timide". Ni ukuvuga ko umuntu agenda yikandagira. Umuntu agenda yikandagiye. Ariko kandi hano i Kigali, hano i Kigali uretse gushyushya imitwe no kugira ngo abantu bagende bashyuha hi, ndabona umushoferi wacu Shadraki, hari umuhungu waraye amukubiti..., amurebeye ingumi imwe arayimukubita ati "Mwa..., ati pooo, ati eee, ati turabazi". Atazi uwo ari we, uretse ko yamusabye imbabazi nyuma ariko rero ubu ngubu kurebana n'umuntu utazi (araseka), tujye twitonda

(araseka)kurebana n'umuntu utazi, ashobora ku...peee, kurekura ingumi ako kanya ngo pooo! Hi! Hari ni ukuntu Valeriya yambwiye ati "i Kanombe naho barabona umuntu ngo ni Interahamwe, wagira ngo Interahamwe zibarya mu nda, bati "cyokomari". Bimeze bite i Kanombe? Valeriya.

- Journaliste Valérie BEMERIKI :

Ni byo koko Noheli, mu kanya rwoseee umuntu w'i Kanombe, eee Interahamwe y'i Kanombe yitwa ZIYADE mu kanya agize atya atiii, atelefona ati "jye, ati hano byakomeye". Ati "ku cyumweru nagiye kubona nabwo ntabwo nari mpari, ati gusa ati abaaantu baraje, abasirikare bati rwose mbona ko atari abasirikare b'u Rwanda baje biyita abasirikare, ati bari kumwe n'umusirikare umwe wa Minwari (MINUAR) w'Umubirigi. Ati ba bandi tuzi ko bashinzwe kureba umutekano mu mujyi wa Kigali, ati ubwo bazana n'abandi basirikare b'abanyarwanda bavuga ikinyarwanda, bambaye imyambaro ya gisirikare, ati baza biyita ari abo mu ngabo z'u Rwanda. Ati ubwo rero baraje, ati bageze i Kanombe, ati barayoba, ati bibwiye ko binjiye iwacu; iwabo wa w'iyi Nterahamwe yitwa ZIYADE, ati noneho barayoba bajya mu rundi rugo, ati bahageze barabaza bati ZIYADE ari he? Aho muri urwo rugo bati "reka da, bati nta muntu uri hano witwa ZIYADE. Hum! Abandi bati ni ZIYADE w'Interahamwe dushaka". Abandi bati "reka da! Hano ntabwo ari iwabo wa ZIYADE". Noneho abandi baragumya barabaza, abandi bumva...bareba abo bantu kuko atari abasirikare b'u Rwanda, bakavuga ikinyarwanda, bareba iyo toni bambaye basanga si iy'u Rwanda. Hum! Barebye n'abo basirikare ba Minwari (MINUAR) bibaza abantu ba Minwari, kuki baje babaririza umuntu witwa ZIYADE w'Interahamwe? Ni bwo abantu barebye bati "ereg., bati yewe, bati nta n'ubwo tumuzi uwo muntu". Noneho abantu baragenda bamubuze. Abandi ni bwo bagendaga bareba ZIYADE nyine n'iwabo barababwira bati "twabonye abantu bameze gutya, bambaye gutya, utugofero dusongoye, tubona ko rwose abo abasirikare atari abasirikare b'u Rwanda, ati kandi nyamara bavugaga ikinyarwanda, ati rero twebwe twabonye ko ari abasirikare ba F.P.R-Inkotanyi. Ubwo bibaye aho, kuva...ubwo hari ku cyumweru, igihe hariho hanagwa n'imvura, nuko, bigeze aho barabyihorera, barategereza ko abo bantu bagaruka, none mu kanya rwose ni ho ZIYADE ya... bwo yari afite n'ubwoba bwinsihi, yambwiraga ati "iri joro na none, ati baraye bagarutse. Ati bagaruka

na none ari abasirikare babiri aho b'abanyarwanda, bambaye toni noneho koko ubona ko ngo ko ari iy'Inkotanyi. Mbo, barazana n'abandi basirikari babiri ba Minware (MINUAR), ati bamwe b'ababiligi. Ati noneho baje, ati nababonye nari ndi mu rugo, ati ariko, ati mbarebera mu idirishya, ati mbona bahagararanye n'aba..., n'undi muntu ntashoboye kumenya izina rye, wari wambaye gisivile, ati mbona ari kubatungira agatoki. Ati ubwo rero nibaza ibyo ari byo, ati biranyobera. Ati noneho, ati kuko nabonaga atunga agatoki iwacu, ati nkubita agatima kuri bya bindi byabaye ku cyumweru, ati nsanga neza ari ba bantu bakomeza kunyirukaho bariho banshaka. Ati rero kugeza ubu, ati nje nibajije ikintu abo bantu banshakira. Ati nta nubwo bigeze bavuga bati "turamushakira iki n'iki". Gusa baraza baki..., bakaza batagira icyo bavuga, ukabona barahagarara bari..nk'abantu bari kugenzura ikintu, bakabaza gusa abandi bantu, ati ariko nta n'umwe muri bose twari twabonana. Ati rero ibyo byose nabibona, ati ngasanga mu by'ukuri, umutekano w'abantu bamwe ushobora kuba wahungabanwa, cyangwa se abantu bakaba bakomeza kubakurikiranira batazi ibintu babakurikiranira, tuka...bati tukaba twifuzaga ko icyo kintu cyagera ku bandi bantu, baba se Interahamwe, baba se n'abandi, Impuzamugambi se cyangwa n'abandi babona ko umutekano wabo rwose waba utamerewe neza ndetse n'ubutegetsi bukaba bwahagurukira icyo kintu, bakareba impamvu abasirikare ba F.P.R bagendana n'abasirikare ba Minwari (MINUAR) bakagenda babaririza abantu aba n'aba, abantu aba n'aba. Ati kandi ugasanga abo babaririza ari abantu bo mu ii.. mu mashyamba amwe, ati cyane cyane abo muri M.R.N.D n'abo muri C.D.R.

Noheri rero ng'uko uko ibintu babingejejeho ukuntu byifashe, hagati aho nyine sinzi niba euh.. hari ibindi bintu bikomeza kuza, nibikomeza kugira icyo bitanga cyangwa hari abandi bakomeje gukurikiranwa nabyo ndumva bagumya bakabitugezaho, ntibagatindaganye kubitugezaho kugira ngo natwe dushobore kubigeza ku batwumva.

- Journaliste Noël HITIMANA :

Abasirikari b'Ababiligi bajya kuza muri iki gihugu, byaravuzwe, abantu ndetse bavuga n'akabari, n'akabari ku mutima, bamwe baravugaga bati "ntitubashaka". Byaravuzwe. None se ko byavuzwe,

nabihishira iki? Byaravuzwe, bati “bariya Babiligi”! Tuti “bamwe ni ba...ni abakwe bacu, abandi twarongoye abakobwa babo. Hi! Turaziranye bihagije. Iyi ntambara ijya gutera, mu bantu bari bazi icyo kibazo barimo. Bakizi neza. Bakizi neza, icyo kibazo barimo. Abantu batwitse amasa ino aha, barazwi. Hein! Barazwi, hein! Intambara ijya gu...beshya kugira ngo ipfube, barazwi. Eee. Twarakomeje turako...turakoroboza, turakoroboza, Prezida wa Republika nta cyo atakoze, no mu madiskuru ye nta kuntu atababwira ati “Abatutsi icyo ntabahaye ni iki? Abatutsi icyo ntabahaye ni iki” Hum! Nabo ubwabo iyo ubabonye barimo baseka, bamaze gufata agatama, barakubwira bati “HABYALIMANA icyo ataduhaye ni iki”? Niba rero bagiye gukorana na Minwari (MINUAR) hum! Kubera ko abo basirikari mwa...yabonye uriya musore, abo basirikare yabonye nyine ni abari gukorana na Minwari (MINUAR). Iyi Minwari y’imbiligi. Iyo iba Minwari y’imbiligi rero, nzi neza ko bumva Radiyo-RTL, bagakora analize (analyse), ibyo tuvuga byose mu Kinyarwanda babyumva mu gifaransa. Niba bariya ba Minwari bakomeje bakagendana n’Inkotanyi kuja gushakisha abanyarwanda bibera mu gihugu cyabo amahoro, abo ba Minwari nihagira ugira icyo aba, ntazabaze. Hum! Kubera ko Impuzamugambi ziravugaga ngo “turi maso”, ariko nta muntu utari maso. Ijisho rya Muvoma ndavugaga inkuru nk’uko byahindutse ryahindutse ijisho rya rubanda, hin! Byarahindutse. Ijisho rya rubanda niribabona rero, uzakubitwa n’inkuba ntazavugaga ngo inkuba ntiziri mu ijuru. Inkuba si abajideyeri (JDR) harya? (Araseka)

- Journaliste Valérie BEMERIKI :

Iii, ni abajideyeri (JDR). Ni abajideyeri (JDR)

- Journaliste Noël HITIMANA :

Uzakubitwa n’inkuba rero ibyo ni akazi ke, wenda azahura n’inkuba zitari Interahamwe. Hin! Ibyo bizaba ari akazi ke.

Nababwiraga iby’i Burundi, ndaba...mbajije nyine abari kuri Ambassade yacu i Bujumbura nti “ese

b'Ambasaderi bese baraje kugira ngo babahe pole"? Uri kuri Ambasade arambwira ati "ati bese, bese baraje, ati kandi na Ministri w'Ububanyi n'Amahanga yemeye ko mu minsi umunani azaba amaze gusana Ambasade yose ari mupya, imeze neza ari mupya. Ati ariko se Noheli uko ubibona, none se batangiye gukora? Ati oya, ati ashwi da! Ati batangiye gukora gute kandi abajandarume ari bo baturinze se? Ati none se abafundi bakora bate ari abajandarume"(araseka). Iby'i Burundi ni ugutegereza. Iminsi umunani wenda izaba mirongo itatu ariko bazadusanire inzu, nta kindi kibazo.

Musique

Rwose za Nkotanyi zaba zaramurigase rwose byagenda bite? Hin!

- Orateur non identifié :

Ariko nimugoroba twumvise avuga.

- Orateur non identifié :

Ibyo ni byo?

- Journaliste Noël HITIMANA :

Ni byo aje avuga tumwumve, twumve n'ibitekerezo bye. Ntabwo tugomba kwemera ibyo avuga, ngo tubyemere ngo ni agahato kubyemera. Tugomba kumva ibyo avuga, ibiri byiza tukabyemera, ibyo tutumva bitugiye ku mutima, tukabyanga kuko han! Abamujya mu bi...mu matwi cyangwa ibitugu nabo bariho kubera ko nabo bafite inyungu zabo. Inyungu za rubanda nyamwinshi KANYARENGWE azazibaze, nawe arazizi erega, azazibaze azazibona.

Hano rero i Kigali, amakuru ahihi..ahita agenda, agenda yirukanka. Nk'ubungubu abantu benshi

Cassette C.32/K95 N° 0154 transcribe par I.D.

bafite ifoto ya NDADAYE, Nyakwigendera Nyir'icyubahiro Merkiyoro NDADAYE nk'uko ndi kubisoma kuri iyo foto ye, Prezida wa mbere w'umuhutu mu Burundi. Ariko iyo uhinduye urwo rupapuro uhita ubona Nyir'icyubahiro NTARYAMIRA Sipriyano, Prezida wa kabiri w'umuhutu mu Burundi usimbura Merkiyoro NDADAYE. Murumva rero ko amakuru yihuta, amafoto y'abo bantu bombi, rwose hano muri Kigali araboneka. Araboneka umuntu ashatse wese yayabona. Hum, niko inkuru zimeze.

### Musique

Hano i Kigali, dufite saa yine. Hari abantu rwose barimo batakamba. Bamwe bakavuga bati "hano muri Kigali twabuze amazi". Babuze amazi koko. Ikibazo cy'amazi, ejo mwari mwumvise kooo, ejo ndetse ni ukuvuga...ni ukuva ejobundi, ikibazo cyari gihari, abantu bo muri Electrogaz bavuga bati "ntidushobora gukora niba tudahembwe". Cyane cyane bariya ba nyakabyizi, bariya ba technicien, bariya nyine babikoramo. Yanze nayo bakatubwira bati "kuri Yanze hari abaturage bagiye batya, bayobya amazi. Ntiyajya muri za citerne, ntiyajya mu bigega kugira ngo agere mu muji". Hum! Abo nabooo bari kumva RTL, bamenye kooo ibibi bakora bituma natwe turara tutariye. Hum! Ariko kandi bariya bakozi ba Electrogaz nabo nk'uko naganiriye na Directeur wabo, ikibazo cyabo kiri muuuu, kirimo kirakemurwa.

Niba rero abantu b'i Nyamirambo barimo bantefona, abandi banyohereza utwandiko bati "rwose nta mazi tukibona" Hum! Eee...hano i Nyamirambo twabuze amazi! Nta bwo ari i Nyamirambo gusa. Ni henshi. Ni henshi amazi yabuze, ubwo n'umuriro wabuze, ariko kandi abagenewe kubikora nabo ubwabo bataha mu mago, nabo bataha ahantu hagomba kubona amashanyarazi, bataha ahantu hagomba kubona amazi, nabo bagomba kurya bagomba no ku...kuramuka. Barebe ukuntu babigenza, bajye inama, be guhima abaturage kuko abaturage kubahima ni ukwihima. Barihima ni umwana w'umunyarwanda rwose, bagerageze barebe ukuntu bakemura ikibazo, twebwe rubanda, hin! Tutahimwa n'uko wenda iwabo bimeze n'uko batabisobanukiwe cyangwa barasobanukiwe uretse kudukuhima. Nta kindi, nta kundi nabigenza nta n'ukundi navuga niba icyo kibazo kirahari, kirazwi.



Niba gihari kizwi rero, baduhe amazi, baduhe n'umuriro dukore. Ndabona ariko hano kuri RTLM umuriro urahari da! Uretse amazi nyine yabuze mu ma quartiers amwe n'amwe, barekure amazi. Nta kindi nabasaba ahubwo reka mbature ako kadisiki kugira ngo bishime, bajye mu mutuzo. Batwu..., bumve ako kadisiki ni ako abakozi bose ba Electrogaz.

Ni ku wa gatandatu hano i Kigali, nkibibabwira, yeee! Ndabona hano bamaze kungezaho amabwiriza ya Electrogaz-direction. Bati "kubera imyigaragambyo y'urudaca ya ba nyakabyizi ba Electrogaz, ubuyobozi bw'i...bw'icyo kigo buramenyesha abaturage batuye umujyi wa Kigali ko abo ba nyakabyizi euh...batangiye, batangiye ibikorwa bibi byo kwe..kwigabiza aho ibikorwa bya Electrogaz biri muri za secteurs na za cellules z'umujyi babyangiza.

Directeur wa Electrogaz arasaba abaturage kuba maso baaakarinda, bakarinda ibikorwa byabo hin... babagezaho, hariho ibibagezaho umuriro n'amazi kuko ari ibyabo hum...kandi bibafitiye akamaro. Basabwe rero kumenyesha, basabwe kumenyesha abashinzwe umutekano iwabo aho batuye kugira ngo abo bagizi ba nabi bitwaza ko ari abakozi ba Electrogaz batangiza ibyo bikorwa kandi n'abashinzwe umutekano bamenyeshejwe icyo...bamenyeshejwe icyo kibazo kugira ngo babashe kugikurikirana.

Twakwibutsa abatwumva ko iyo myigaragambyo yabaga...nyakabyizi ikibazo cyabo kiri gukemurwa n'ababishinzwe kuko cyumviswe.

Ku byerekeye abakozi kandi basanzwe ba Electrogaz, Umuyobozi w'icyo kigo, Umuyobozi w'icyo kigo asabye ko abakozi bose baza ku kazi nk'uko bisanzwe. Bakajya gukora nk'uko bisanzwe; hari abarara izamu, abirirwa izamu, abakora mu ma wikendi, abakora ku kazi gasanzwe, bose bagomba kujya kwitabira akazi nk'uko bisanzwe, hum! Kuko abigaragambya bafite aho babariza. Abigaragambya bafite aho babariza ibibazo byabo bityo batagomba kuba...ntibagomba kubabuza gukora akazi kabo bashinzwe. Bityo rero, akaba ari nta mukozi ugomba kwitwaza ngo ni imyigaragambyo ngo asibe, nta yindi mpamvu ibimuteye.

Dufite saa yine n'iminota munani hano i Kigali. Ubwo ni mbwirabumva, abumvise, bumvise, akazi k'ubungubu, aha! Uwakitesha yaba azi aho azagaku...ejo.

Saa yine n'iminota makumyabiri n'itandatu hano i Kigali, turi kuri wikendi, abantu benshi bibereye imuhira, barumva radiyo yabo, radiyo RTLM, murayumva, ariko kandi twabamenyesha tuti muyumva, mutayumva, kugira ngo radiyo RTLM ikomere ni uko muzashyiramo imigabane myinshi, kuva ku bihumbi bitanu kugeza kuri miliyoni eshanu, ubishoboye. Hari abambaza bati ariko izo miliyoni mujya mujya muvuga koko abantu bazishyiramo? Hum! Ndabarahiye da! Abazishyizemo ni benshi. Miliyoni eshanu, ndetse kugira ngo tugure émetteurs, tugure za pilonnes, tugure ibiki, bitwara za miliyoni na za miliyoni, radiyo ni ikintu gihenda. Abashinyika ngo bazashiraho amaradiyo cyangwa ababirota, hein bazabanze babaze RTLM bati mumaze gushora angahe? Bazasanga ari za miliyoni na za miliyoni. Ni amafranga menshi cyane. Ni menshi biraruhije, abavuga bati kuki itagera iwacu, itagera i Cyangugu, itagera Ruhengeri, itagera i Gisenyi, bati kuki itagera i Butare, bati kuki, bati kuki twe itatugeraho? Mbere na mbere yo kubaza icyo kibazo, bajye bavuga bati ese twashizemo angahe? Twashizemo angahe muri iyo sosiyete? Ko Radiyo-Rwanda, Radiyo-Rwanda ni radiyo ya Leta, ifite ubushobozi bwose bwa Leta n'amahanga n'imfashanyo n'ibiki byose. Nk'ubu ngubu, Radiyo-Rwanda, mbabwije ukuri, na bo kandi ntibanyomoza, n'ubu baracyagerageza kugira ngo barebe ukuntu mu dukombe twose, mu misozi yose, mu mibaya hose, Radiyo-Rwanda muri efemu (FM) yabageraho. N'ubu baracyabyiga, bafatanyije n'Abadage. Hin! Natwe rero, twe ni amaboko yacu, ni amaboko y'abanyarwanda, ni amaboko y'inshuti, ni amaboko y'abantu bashize amafranga yabo hamwe kugira ngo barebe ukuntu iyo radiyo libre, radiyo yigenga yabageraho. Kugira rero ngo ibagereho neza, ibagereho neza, simvuze ngo bizadufata imyaka n'imyaka kubera ko twebwe nabonye aba..abantu baraaa...barakusanya amafranga da! Amafranga araza rwose, araza. Araza, ni..bizaza vuba, ariko tweee kugira ngo twe kugira imitima, imitima ihagaze, vuba, vuba radiyo RTLM izaba ishobora kugare mu Rwanda hose ndetse no mu Burundi no muri Zaïre na Tanzaniya no mu Buganda rwose bazayumva, mazeee ntihazagire umuntu uzaniganwa ijambo kuri iyo radiyo.Hein! Ikibyimbye kizameneke. Tuvugi...tuvugishe ukuri. Ikibyimbye kizameneke.

Ari... ari umututsi, ari umutwa kuri iyi radiyo yanyu rwose, nta cyo azabura. Nta cyo azabura,

azavuga icyo ashaka, apfa kutavuga gusa amateshwa cyangwa ngo avuge ba munyangire, oya, ibyo ibyo ng'ibyo ntitwabyemere.

Ni yo mpamvu ngiye kubagezaho iri tangazo, hin! Ni ibarwa, kugira ngo muri iyi wikendi murebe icyo mubitekerezaho, abantu bari kwifatiraaa baaa, ariko haracyari kare, kugira ngo umuntu avuge ngo arafashe agatama iki gihe na byo byaba ari ikosa. Ahaa! Ariko nyineee aho muri buze guhurira, muvuge muti Noheli ibi bintu yavuze kuri TWAGIRAMUNGU Fawustini, muri iki gitondo, muti iyo barwa yasomye, si nje wayanditse. Yarasinywe, isinywa na KARAMIRA Frodouard na Docteur MUREGO Donati, barabisinye. Bandikiye nde? NYAKUBAHWA Prezida wa Republika y'u Rwanda i Kigali. Bamwandikiye gihe ki? Tariki makumyabiri n'indwi Ukwakira muri mirongo cyenda na gatatu. Ni ibarwa ya kera ariko igifite, igifite ingingo zayo zose zikiri nzima. Zikiri nzima kubera ko bamwandikira, ibibazo byari bibateye impagarara n'ubu ngubu biracyateye impagarara ibihugu cyose. Bamwandiye batya rero: bandikira Prezida wa Republika, ku itariki ya makumyabiri n'indwi Ukwakira mirongo cyenda na gatatu, impamvu bamwandikiye bagira ngo bamugezeho ububi bubuza TWAGIRAMUNGU Fawustini kuba Ministre w'Intebe wa Guvernoma y'inzibacyuho yaguye. Hum! Ni yo mpamvu. Bati "Nyakubahwa Prezida wa Republika, Ishyaka riharanira demukrasi muri Republika (MDR) ntiryahwemye kwerekana no kwamagana uburiganya bwakoreshejwe mu gushyira uwahoze ari Prezida wa M.D.R, Bwana TWAGIRAMUNGU Fawustini ku mwanya wa Ministri w'intebe wa Guverinoma y'inzibacyuho yaguye. Nta wabarusha kumenya, Nyakubahwa mu...Nyakubahwa Prezida, ko uburyo bwakoreshejwe bunyuranyije n'ingingo ya mirongo itanu n'imwe y'amasezerano yerekeye igabanwa ry'ubutegetsi yemeranijwe na Guverinoma n'umutwe wa FPR-Inkotanyi kubera ko umukandida (candidat) wari watanze n'inzego z'ishyaka ku mwanya wa Ministre w'intebe wa Guverinoma y'inzibacyuho yaguye ari Bwana KAMBANDA Yohani nk'uko byemejwe na biro politike ya M.D.R. na congrès y'igihugu y'ishyaka M.D.R.

Ishyaka M.D.R rirongera kugaragaza uruhare, mwebwe ubwanyu mwagize mu ishyirwaho ry'uwo Ministre w'intebe w'u...w'urukorasoni, kuko imyifatire y'uwo TWAGIRAMUNGU Fawustini idashobora kumuhesha, (arakoroye gato), imyifatire y'uwo TWAGIRAMUNGU Fawustini

idashobora kumuhesha icyizere ngo kuyobora igihugu cyacu.

Mwibuke, Nyakubahwa Prezida wa Republika, ko inama ya Guverinoma mwari muyoboze ubwanyu ari yo yirukanye Bwana TWAGIRAMUNGU ku buyobozi bwa STIR kubera imicungire mibi mu iyo sosiyete y'ubwikorezi.

Kubera akaboko ke karekare (arakoroye gato) mu kugenda, mu kugenda mumwirukanye yibye, mu kugenda mumwirukanye yibye imodoka ya STIR yo mu bwoko bwa Awudi (AUDI) ifite icyapa A.B mirongo inani mirongo ine. Ibyo byamuviriyemo ingaruka zikomeye kuko byatumye afatwa nuko agafungwa muri gereza ya Kigali. TWAGIRAMUNGU Fawustini na we yageze muri prizo, hum! Yaje kurekurwa kubera impuhwe zanyu. STIR yo yaregeye TWAGIRAMUNGU urukiko, urubanza rwanditswe mu numero RC 12069/87 na RC 14367/89, urukiko rwemeza ko TWAGIRAMUNGU atsinzwe, ko ahanishijwe gusubiza STIR imodoka no kuyishyura amafranga miliyoni, miliyoni ijana na makumyabiri na zirindwi magana atatu, ibihumbi magana atatu na kimwe n'amafranga magana arindwi mirongo itatu n'arindwi yari yarihere ku..yari...yarihereye ku buntu inshuti ye hum...y'umunyakenya witwa HH Abdi.

Mu rubanza rwanditswe ku numero RC 20166/93 mu isosiyete yashohoje, iramurega amafranga ibihumbi magana inani mirongo itanu n'ata....ibihumbi magana inani mirongo itanu na gatandatu magana abiri na cumi na rimwe, yanyereje.

Sosiyete STIR imaze kandi gutsi...imaze kandi gutsindirwa kuzishyura Bwana RUGENGA amafranga miliyoni mirongo itandatu kubera amakosa TWAGIRAMUNGU yamukoreye hum..., ari ku buyobozi bwa STIR, iyo sosiyete kandi ikaba igomba kwishyura ibirarane by'imisoro bigera kuri miliyari, kuri miliyari biti...bitishyuwe igihe TWAGIRAMUNGU yari umuyobozi wayo. Kuri ibyo birarane, ubuyobozi bushya bwa STIR bumaze kwishyura amafranga arenze miliyoni magana arindwi. (Arakoroye gato).

Uretse izo manza arimo na STIR, TWAGIRAMUNGU Fawustini aravugwaho imikorere mibi

n'uburiganya mu bucuruzi, bigaragarira cyane cyane mu...mu buryo yacungaga sosiyete ye, sosiyete ye y'ubwikorezi yitwa TRANSCONTINENTALE.

Dore zimwe mu manza TWAGIRAMUNGU aregerwa amafranga arenze miliyoniii, miliyoni ijana na makumyabiri. Ahan! Reka mbisome.

- RC 1118/91NGE urubanza SONARWA na TRANSCONTINENTALE ya TWAGIRAMUNGU: amafranga ni miliyoni ijana na cumi n'imwe n'ibihumbi mirongo itatu na kimwe n'amafranga magana atatu mirongo inani na karindwi. DP: quatre pour cent, ibihumbi magana ane mirongo ine na rimwe n'amafranga magana abiri mirongo irindwi n'icyenda, rwaciwe ku itariki ya cumi na gatatu z'ukwezi kwa cumi na rimwe icyenda na rimwe;

- RC 1256/91 NGE : urubanza SONARWA na TRANSCONTINENTALE : amafranga miliyoni esheshatu, ibihumbi magana ane na mirongo inani na bine n'amafranga magana abiri na mirongo irindwi n'arindwi. DP: quatre pour cent hum, bikaba bibii hum ari hum bihwaye ngo na magana abiri mirongo itanu n'icyenda magana atatu na mirongo irindwi na rimwe rwaciwe hum ku wa gatandatu mu kwezi kwa gatatu mirongo cyenda na kabiri.

- Hari urundi rubanza RC 1305/91 NGE urubanza SONARWA na TRANSCONTINENTALE

- Urubanza RC 1172/91 NGE urubanza SONARWA na TRANSCONTINENTALE: miliyoni imwe n'amafranga ibihumbi ijana na irongo irindwi na kimwe magana ane na cumi n'atandatu. DP : quatre pour cent, mirongo ine na gatandatu magana inani mirongo itanu na karindwi.

- RC ni byinshi, RC 885/91 NGE, urubanza INTERFREIGHT GMB na TRANSCONTINENTALE : amadolari y'abanyamerika ibihumbi makumyabiri n'umunani n'amadolari mirongo ine n'atanu, eee n'amasantimu mirongo ine (arakoroye gato) ahwanyeye n'amafranga miliyoni eshanu n'ibihumbi

magana atatu na cumi na birindwi magana inani na mirongo cyenda na rimwe. DP : quatre pour cent magana abiri na cumi na kabiri point magana arindwi na cumi na gatandatu.

- RC 1358/91 NGE : urubanza TRAFIPRO, TRAFIPRO na TWAGIRAMUNGU : amafranga miliyoni icyenda n'ibihumbi magana arindwi na mirongo irindwi n'umunana n'amafranga magana umunani na mirongo itatu n'imwe.

- RC 1877/92 NGE : urubanza rwa HOF hrum: amadolari y'abanyamerika ibihumbi magana ane na cumi n'abiri ye! N'amadolari magana cyenda mirongo ine na rimwe n'amasantime cumi n'abiri, ahwanye n'amafranga y'u Rwanda miliyoni mirongo itanu n'ebyiri n'ibihumbi mirongo itatu n'amafranga magana atanu mirongo inani na rimwe. Amafranga y'amabiligi ibihumbi magana inani na mirongo cyenda n'ane, ibihumbi magana inani mirongo cyenda n'ane, magana inani mirongo cyenda na kane n'amafranga mirongo ine n'atanu ahwanye n'amafranga y'u Rwanda miliyoni eshatu n'ibindi, n'ibihumbi magana abiri mirongo irindwi n'ane ijana na mirongo itatu n'icyenda.

- Urubanza rwa munani RC 1413/92 NGE urubanza rwa SORAS na TRANSCONTINENTALE : amafranga miliyoni igihumbi magana cyenda mirongo irindwi na karindwi magana arindwi mirongo itanu n'icyenda.

- Urubanza rwa cyenda RC igihu... RC 1413/92 NGE: urubanza Banque ya Kigali na TRANSCONTINENTALE ya TWAGIRAMUNGU : amafranga miliyoni imwe, ibihumbi ijana na mirongo ine n'icyenda n'amafranga ijana na mirongo inani n'umunani.

- Urubanza rwa cumi RC 1363/91 NGE : urubanza GASANA Oscar na TRANSCONTINENTALE : amadolari y'abanyamerika ibihumbi mirongo itanu, ahwanye na miliyoni esheshatu n'ibihumbi magana atatu by'amafranga y'u Rwanda.

- urubanza rwa cumi na rimwe Martini Foyiti na TWAGIRAMUNGU : amafranga miliyoni cumi

n'ebiyiri n'ibihumbi magana abiri mirongo ine na rimwe n'amafranga magana arindwi mirongo inani n'abiri.

- Urubanza rwa cumi na kabiri : RC..., RCA..., RCA eee ibihumbi cumi magana cyenda na mirongo ine barre Kigali : urubanza rwa STIR eee NKEKABAHIZI na TWAGIRAMUNGU; isima ya STIR TWAGIRAMUNGU yubakishije inzu ye, ku mafranga y'iyoyi sima ibihumbi magana cyenda na cumi n'atanu, hum! Ibihumbi magana cyenda neuf cent quinze mille, ibihumbi magana cyenda cumi n'atanu.

Urubanza....

(Fin face A).

**FACE B**

- Journaliste Noël (suite) :

